# <u>ITERA</u> <u>BOSE</u> (<u>IGISHUSHANYO</u> <u>CY'INYAMASWA</u>)

**Ibyahishuwe 14:9-10**

"Marayika wundi wa gatatu akurikiraho avuga ijwi rirenga ati "Umuntu naramya ya **nyamaswa** n**'igishushanyo cyayo**, agashyirwaho **ikimenyetso** cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga ari yo mujinya w'Imana, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo. Kandi azababazwa n'umuriro n'amazuku imbere y'abamarayika bera, n'imbere y'Umwana w'Intama."

**The Spirit of Prophecy, Vol.4, p.277-278 (Umwuka w'Ubuhanuzi)**

"Muri icyo gihe umuhanuzi yabonye kuvuka k'ubundi butegetsi, bushushanywa n'inyamaswa y'amahembe abiri nk'ay'umwana w'intama. Uko iyi nyamaswa igaragara n'uburyo yabayeho birasa n'ibigaragaza ko ubutegetsi ihagarariye butandukanye n'ubundi bwagaragajwe mu bimenyetso byabanje. Ubwami bukomeye bwategetse isi bwabonye ububasha bwo gutegeka binyuze mu ntambara zo kwigarurira ubundi bwami hamwe n'impinduramatwara, kandi bwagaragarijwe umuhanuzi Daniyeli nk'inyamaswa zishaka umuhīgo, zizamuka igihe "imiyaga ine yo mu ijuru ihubukira ku nyanja nini." (Daniyeli 7:2). Ariko inyamaswa y'amahembe nk'ay'umwana w'intama igaragara "izamuka iva mu butaka;" (Ibyahishuwe 13:11) bisobanura ko aho guhirika ubundi butegetsi ngo ibone uko ifata umwanya wabwo, icyo gihugu gishushanywa n'iyo nyamaswa yavuye mu butaka cyabayeho gikomotse ahantu hatari hatuwe mbere, maze kigenda gikura buhoro buhoro kandi mu mahoro.

Aha hari ishusho yahuranyije yo kuvuka no gukura kw'igihugu cyacu (Leta Zunze Ubumwe za Amerika). Kandi amahembe nk'ay'umwana w'intama, ibimenyetso by'ubutungane n'ubugwaneza, bigaragaza neza imico y'ubutegetsi bw'igihugu cyacu (Leta Zunze Ubumwe za Amerika), nk'uko igaragarira mu mahame shingiro abiri y'icyo gihugu ari yo Uburepulika n'Ubuporotesitanti. Impunzi z'Abakristo zahungiye bwa mbere muri Amerika, zashakaga guhunga agahato k'ubutegetsi bwa cyami n'umwuka wo kutihanganira abandi w'abayobozi mu by'iyobokamana, maze biyemeza gushinga ubutegetsi bushingiye ku rufatiro rw'umudendezo w'abaturage n'umudendezo mu by'iyobokamana. Ayo mahame ni ryo banga ry'imbaraga zacu n'iterambere ryacu nk'igihugu. Abantu miliyoni nyinshi bashakaga uko bagera ku nkengero zayo, bityo Leta Zunze Ubumwe za Amerika zarakuze zigira umwanya mu bihugu by'ibihangange byo ku isi.

Nyamara amagambo akomeye y'ikaramu ya gihanuzi ahishura impinduka muri iyo miterere y'amahoro. Inyamaswa y'amahembe abiri nk'ay'umwana w'intama ivuga n'ijwi ry'ikiyoka, kandi "itegekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa ya mbere mu maso yayo." Ubuhanuzi buhishura ko ubu butegetsi buzabwira "abari mu isi kurema igishushanyo cya ya nyamaswa." (Ibyahishuwe 13:14). Icyo gishushanyo kiremwa, ni ishusho ya ya nyamaswa ya mbere isa n'ingwe, ari yo ivugwa mu butumwa bwa marayika wa gatatu. Iyi nyamaswa ya mbere ishushanya itorero rya Roma, ari ryo yobokamana rifite n'ububasha bw'ubutegetsi bwa politiki, rifite ubutware bwo

guhana abantu bose bitandukanya na ryo. Igishushanyo cy'iyo nyamaswa gihagarariye irindi yobokamana rifite ububasha busa n'ubwo. Kuremwa kw'icyo gishushanyo ni umurimo wa ya nyamaswa yabayeho mu mahoro ikagira n'inyigisho z'ubugwaneza ari byo bigaragaza mu buryo bwahuranyije igihugu cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Aho muri Amerika ni ho tubasha kubona igishushanyo cy'ubutegetsi bw'ubupapa. Ubwo amatorero yo mu gihugu cyacu, aziyungira ku ngingo z'imyizerere ahuriyeho, azatera Leta gushimangira amategeko yayo no gushyigikira ibigo by'ayo matorero, icyo gihe ni bwo Amerika ya giporotesitanti izaba iremye igishushanyo cy'inzego z'ubuyobozi bw'itorero rya Roma. Bityo itorero ry'ukuri rizasakirana n'akarengane, nk'uko byagenze ku bwoko bw'Imana bwo mu gihe cyashize."

**Urwibutso n'Integuza, 23/04/1889 (Review and Herald)**

"**Imyiteguro y'Igishushanyo cy'Inyamaswa** – Imyiteguro yamaze gutangira kandi irakomeje, kandi ibikorwa biri kujya mbere, ari byo bizageza ku kuremwa kw'igishushanyo cy'inyamaswa. Hari ibintu bizabaho mu mateka y'iyi si bizasohoza ibyavuzwe n'ubuhanuzi bwerekeye iminsi y'imperuka."

**Ibimenyetso by'Ibihe, 22/03/1910**

"**Ubuhakanyi no Kurimbuka kw'Igihugu** – Igihe amatorero ya Giporotesitanti azifatanya n'ubutegetsi bwa leta kugira ngo ashyigikire iyobokamana ry'ikinyoma, akarwanya ibyo abakurambere babo bemeye kurenganyirizwa mu buryo buteye ubwoba; igihe leta izakoresha ububasha bwayo mu gushimangira ibyemezeo by'itorero ikanashyigikira ibigo byaryo – ubwo ni bwo Amerika ya Giporotesitanti izaba iremye igishushanyo cy'ubupapa, kandi hazaba habayeho ubuhakanyi bw'igihugu ari bwo buzasoreza mu kurimbuka kw'igihugu byanze bikunze."